Abamalayika ntibajya binjira mu rugo rwororewemo imbwa ndetse rurimo n'amashusho

Hadith yaturutse kwa Abu Twal'hat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Abamalayika ntibajya binjira mu rugo rwororewemo imbwa ndetse rurimo n'amashusho."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko abamalayika bashinzwe kuzana impuhwe batajya binjira mu rugo rwororewemo imbwa cyangwa se ururimo amashusho y'ibihumeka; kubera ko gukora amashusho y'ibihumeka ari icyaha, ndetse harimo no kwigana ibiremwa bya Allah, ikaba ari n'imwe mu nzira zigeza ku ibangikanyamana, no muri ayo mashusho harimo agaragirwa mu cyimbo cya Allah. Naho impamvu batinjira mu rugo rwororewemo imbwa, ni ukubera ko zirya kenshi umwanda, no muri zo hari izitwa amashitani, kandi abamalayika ntibajya bahuza n'amashitani. No kubera ko umwuka w'imbwa ari mubi, kandi abamalayika ntibakunda ahari umwuka mubi, no kubera ko bibujijwe kuzorora, bityo uzoroye ahanishwa ko abamalayika batinjira mu nzu ye, no kuba batayikoreramo amasengesho no kutamusabira imbabazi kwa Allah, no kumuzanira imigisha mu nzu ye, no kumurinda inabi ya Shitani.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/8950